Perezida w'Urugaga ni we uhagarariye Urugaga ku buryo bwemewe n'amategeko. Areberera kandi agakurikiranira hafi imikorere y'inzego zose z'Urugaga. Ni we uyobora Inteko Rusange n'Inama Nkuru y'Urugaga.

Iyo Perezida w'Urugaga adahari asimburwa by'agateganyo mu mirimo ye na Visi Perezida.

**Ingingo ya 13: Inshingano za Visi Perezida w'Urugaga**

Visi Perezida w'Urugaga afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Perezida w'Urugaga no kumusimbura igihe cyose adahari;
- 2° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama Nkuru y'Urugaga ijyanye n'inshingano z'Urugaga.

**Article 11: Election of the Chairperson and the Deputy Chairperson of the Association**

The Chairperson and the Deputy Chairperson of the Association are elected by members of the General Assembly of the Association.

The election procedure is provided for by the rules of procedure of the Association.

**Article 12: Responsibilities of the Chairperson of the Association**

The Chairperson of the Association is the legal representative. He/she oversees and follows up closely activities of all organs of the Association. He/she is the chair of meetings of the General Assembly and those of its High Council.

In case of his/her absence, the Chairperson is provisionally replaced by the Deputy Chairperson.

**Article 13: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Association**

The Deputy Chairperson of the Association has the following responsibilities:

- 1° to assist the Chairperson of the Association and act as him/her in case of absence;
- 2° to perform any other duty falling in the mission of the Association as he/she may be tasked with by the High Council of the Association.

**Article 11: Election du Président et du Vice-Président de l'Ordre**

Le Président et le Vice-Président de l'Ordre sont élus par les membres de l'Assemblée Générale de l'Ordre.

La procédure d'élection est prévue par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Article 12: Attributions du Président de l'Ordre**

Le Président de l'Ordre en est le représentant légal. Il supervise et suit de près les activités de tous les organes de l'Ordre. Il préside les réunions de l'Assemblée Générale et celles du Haut Conseil de l'Ordre.

En cas d'absence du Président, il est remplacé provisoirement dans ses attributions par le Vice-Président.

**Article 13: Attributions du Vice-Président de l'Ordre**

Le Vice-président de l'Ordre a les attributions suivantes:

- 1° assister le Président de l'ordre et assurer l'intérim en cas de son absence ;
- 2° s'acquitter de toute autre tâche lui assignée par le Haut Conseil de l'Association rentrant dans la mission de l'Ordre.

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

**Ingingo ya 14: Manda y'abagize Inama Nkuru y'Urugaga**

Abagize Inama Nkuru y'Urugaga bamara manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe (1).

Batangira manda yabo bakimara gutorwa no gutangazwa mu nama y'Inteko Rusange, bakayirangiza amatora y'abashya akimara kuba.

**Ingingo ya 15: Impamvu zituma uri mu Nama Nkuru y'Urugaga ayivamo**

Imirimo y'ugize Inama Nkuru y'Urugaga irangira iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa ubumuga bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);
- 5° asibye inama z'Inama Nkuru y'Urugaga inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;

**Article 14: Term of office of members of the High Council of the Association**

Members of the High Council have a term of office of three (3) years renewable once.

They take office immediately after their election and publication in the General Assembly, and the term of office comes to an end just after the election of new members.

**Article 15: Causes leading to the loss of membership of the High Council of the Association**

A member of the High Council loses position due to:

- 1° the end of one's term of office;
- 2° a written resignation;
- 3° an incapability to go on with one's duties following a physical or mental disability as certified by a chartered medical practitioner;
- 4° being definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;
- 5° failure to attend three (3) consecutive meetings of the High Council of the Association in one year without serious grounds;

**Article 14: Mandat des membres du Haut Conseil de l'Ordre**

Les membres du Haut Conseil de l'Ordre ont un mandat de trois (3) ans renouvelable une fois.

Leur mandat commence après leur élection et publication à l'Assemblée Générale, et prend officiellement fin après les élections de leurs successeurs.

**Article 15: Causes de cessation des fonctions d'un membre du Haut Conseil de l'Ordre**

Les fonctions d'un membre du Haut Conseil prennent fin en cas de:

- 1° la fin de son mandat ;
- 2° une démission écrite;
- 3° une incapacité de travail causée par un handicap physique ou une déficience mentale constaté par un médecin agréé;
- 4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
- 5° absence à trois (3) réunions consécutives du Haut Conseil de l'Ordre au cours d'un an sans motifs valables;

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

6° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;	6° bad conduct conflicting with the mission of the Association;	6° mauvaise conduite compromettant la mission de l'Ordre;
7° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashyirwa mu Nama Nkuru y'Urugaga;	7° no longer fulfilling conditions on which his/her initial nomination to the High Council of the Association was based;	7° constat qu'il ne remplit plus les conditions ayant conduit à sa nomination précédente au Haut Conseil de l'Ordre;
8° yireze akemera icyaha cya jenocide;	8° a confession and guilty plea for the crime of genocide;	8° confession et plaidoyer de culpabilité pour le crime de génocide;
9° ahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifitanye isano na yo;	9° being found guilty of the crime of genocide ideology and related crimes;	9° avoir été reconnu coupable du crime d'idéologie du génocide et d'autres crimes connexes;
10° apfuye.	10° death.	10° décès.

**Akiciro ka 3: Komite z'Urugaga**

**Sub-section 3: Committees of the Association**

**Sous-section 3: Comités de l'Ordre**

**Ingingo ya 16: Urutonde rwa Komite z'Urugaga**

**Article 16: List of Committees of the Association**

**Article 16: Liste des Comités de l'Ordre**

Komite z'Urugaga ni izi zikurikira:

Committees of the Association are the following:

Les Comités de l'Ordre sont les suivants:

1° Komite y'Urugaga ishinzwe iby'iyandikwa, isuzumabushobozi n'amahugurwa;	1° the Registration, Evaluation and Education Committee;	1° le Comité d'Inscription, d'Evaluation et de Formations;
2° Komite y'Urugaga ishinzwe ubujurire;	2° the Appeals Committee;	2° le Comité d'Appel;
3° Komite y'Urugaga ishinzwe imyitwarire n'ubugenzuzi.	3° the Disciplinary and Inspection Committee.	3° le Comité de Discipline et d'Inspection.

**Ingingo ya 17: Abagize Komite z'Urugaga**

**Article 17: Composition of Committees of the Association**

**Article 17: Composition des Comités de l'Ordre**

Buri Komite y'Urugaga iteganywa mu ngingo ibanziriza iyi igizwe n'abantu barindwi (7) harimo

Each Committee listed in the previous article consists of seven (7) members including the Chairperson, Vice-Chairperson and Rapporteur,

Chaque Comité de l'Ordre prévu à l'article précédent est composé de sept (7) membres dont le Président,

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

Perezida, Visi-Perezida n'Umwanditsi, batorwa na bagenzi babo mu Nteko Rusange y'Urugaga.	elected by their peers in the General Assembly of the Association.	le Vice-Président et le Rapporteur, élus par leurs collègues dans l'Assemblée Générale de l'Ordre.
Abagize Komite y'Urugaga batorerwa manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe (1).	All members of Committees of the Association are elected for a term of office of three (3) years renewable once.	Les membres des Comités sont élus pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une fois.
Uburyo amatora akorwa bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.	Election proceedings are determined by rules of procedure of the Association.	La procédure des élections est établie par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.
<b><u>Ingingo ya 18: Inshingano za Komite y'Urugaga ishinzwe iby'iyandikwa, isuzumabushobozi n'amahugurwa</u></b>	<b><u>Article 18: Responsibilities of the Registration, Evaluation and Education Committee</u></b>	<b><u>Article 18: Attributions du Comité d'Inscription, d'Evaluation et de Formations</u></b>
Komite y'Urugaga ishinzwe iby'iyandikwa, isuzumabushobozi n'amahugurwa ifite inshingano zikurikira:	The Registration, Evaluation and Education Committee has the following responsibilities:	Le Comité d'Inscription, d'Evaluation et de Formations a les attributions suivantes:
1° kwakira no gusuzuma inyandiko zisaba kwinjira mu rugaga;	1° to receive and consider Association membership applications;	1° recevoir et examiner les demandes d'adhésion à l'Ordre ;
2° gukusanya amakuru yose arebana n'imyitwarire y'usaba kwinjira mu Rugaga;	2° to collect comprehensive information related to the applicant for Association membership;	2° collecter des informations complètes relatives au demandeur d'adhésion à l'Ordre;
3° gusuzuma ubushobozi bw'impuguke mu gutanga amasoko, gutegura gahunda y'amahugurwa no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo.	3° to evaluate procurement professionals, develop training plan and ensure its implementation.	3° évaluer les professionnels de passation des marchés, élaborer un plan de formation et veiller à sa mise en exécution.
<b><u>Ingingo ya 19: Inshingano za Komite y'Urugaga ishinzwe ubujurire</u></b>	<b><u>Article 19: Responsibilities of the Appeals Committee</u></b>	<b><u>Article 19: Attributions du Comité d'Appel</u></b>
Komite y'Urugaga ishinzwe ubujurire ifite inshingano zikurikira:	The Appeals Committee has the following responsibilities:	Le Comité d'Appel a les attributions suivantes :

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 1° kwakira no gusuzuma ubujurire bwatanzwe n'utanyuzwe n'icyemezo cy'Inama Nkuru y'Urugaga;               | 1° to receive and consider appeal lodged by the party contesting the High Council decision;                  | 1° recevoir et examiner le recours déposé par la partie contestant la décision du Haut Conseil de l'Ordre ;           |
| 2° kwakira no gusuzuma ubundi bujurire ku byemezo byafashwe n'Urugaga;                                    | 2° to receive and consider other appeals against High Council decisions;                                     | 2° recevoir et examiner d'autres recours en rapport avec les décisions du Haut Conseil de l'Ordre;                    |
| 3° gufata ibyemezo ku bujurire bwose yashyikirijwe, bikamenyeshwa Inteko Rusange n'Inama Nkuru y'Urugaga. | 3° to rule on all submitted appeals and inform the General Assembly and the High Council of the Association. | 3° prendre des décisions sur tous les appels reçus et en informer l'Assemblée Générale et le Haut Conseil de l'Ordre. |

**Ingingo ya 20: Inshingano za Komite y'Urugaga ishinze imyitwarire n'ubugenzuzi**

Komite y'Urugaga ishinze imyitwarire n'ubugenzuzi ifite inshingano zikurikira:

- 1° gukurikirana niba imyitwarire y'abagize Urugaga yubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko, amategeko ngengamikorere y'Urugaga n'amategeko ngengamyitwarire y'Urugaga;
- 2° gukora isuzuma ku makosa ayo ari yo yose yerekeranye n'umwuga yarezwe umwe mu bagize Urugaga;
- 3° gukora raporo y'ibyavuye mu iperereza no kuyishyikiriza Inama Nkuru y'Urugaga kugira ngo iyifateho umwanzuro.

**Article 20: Responsibilities of the Disciplinary and Inspection Committee of the Association**

The Disciplinary and Inspection Committee of the Association has the following responsibilities:

- 1° to check whether the conduct of members of the Association complies with provisions of this Law, of the Rules of procedure of the Association and of the code of conduct of the Association;
- 2° to examine any professional misconduct with which a member of the Association is charged;
- 3° to make a report on the results of the investigation and submit it to the High Council of the Association for decision.

**Article 20: Attributions du Comité de Discipline et d'Inspection de l'Ordre**

Le Comité de Discipline et d'Inspection de l'Ordre a les attributions suivantes :

- 1° s'assurer que la conduite des membres de l'Association se conforme aux dispositions de la présente loi, au règlement d'ordre intérieur de l'Ordre et au code de conduite de l'Ordre;
- 2° examiner toute faute professionnelle dont un membre de l'Ordre est accusé ;
- 3° faire un rapport sur les résultats de l'enquête et le soumettre au Haut conseil de l'Ordre pour y statuer.

**Akiciro ka 4:** Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Urugaga

**Ingingo ya 21:** Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Urugaga

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Urugaga bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abakozi bamwunganira.

**Ingingo ya 22:** Uburyo abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bahabwa akazi

Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abakozi bamwunganira bahabwa akazi binyuze mu ipiganwa rikozwe mu mucyo.

Uburyo batoranywa n'imicungire yabo bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

**Ingingo ya 23:** Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ni we uhuza akanayobora ibikorwa by'Urugaga bya buri muni, kandi akabazwa n'Inama Nkuru y'Urugaga uko ibyemezo byayo bishyirwa mu bikorwa.

By'umwihariko, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe:

1° gukurikirana, buri muni, ibikorwa by'Urugaga;

**Sub-section 4:** Executive Secretariat of the Association

**Article 21:** Composition of the Executive Secretariat of the Association

The Executive Secretariat of the Association consists of the Executive Secretary and his/her support staff.

**Article 22:** Recruitment for Executive Secretariat positions

The Executive Secretary and his/her support staff are recruited through a transparent competition.

The procedures for their recruitment and their management are determined by the rules of procedure of the Association.

**Article 23:** Responsibilities of the Executive Secretary

The Executive Secretary coordinates and manages daily activities of the Association and is accountable to the High Council of the Association on the implementation of its decisions.

The Executive Secretary is particularly responsible for:

1° ensuring a daily follow-up of activities of the Association;

**Sous-section 4:** Secrétariat Exécutif de l'Ordre

**Article 21:** Composition du Secrétariat Exécutif de l'Ordre

Le Secrétariat Exécutif de l'Ordre est composé d'un Secrétaire Exécutif et de son personnel d'appui.

**Article 22:** Recrutement du personnel du Secrétariat Exécutif

Le Secrétaire Exécutif et son personnel d'appui sont recrutés sur base d'un concours organisé de façon transparente.

Les procédures de leur recrutement ainsi que leur gestion sont régies par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Article 23:** Attributions du Secrétaire Exécutif

Le Secrétaire Exécutif assure la gestion journalière des activités de l'Ordre et est responsable devant le Haut Conseil de l'Ordre quant à la mise en exécution de ses décisions.

Le Secrétaire Exécutif est spécialement chargé de:

1° assurer le suivi quotidien des activités de l'Ordre;

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

- |  |   |  |
|--|---|--|
| 2° gutanga amabwiriza y'akazi ku bakozi b'Urugaga;   | 2° issuing operational instructions to staff of the Association;  | 2° donner des instructions de service au personnel de l'Ordre;   |
| 3° gutegura no gushyikiriza Inama Nkuru y'Urugaga gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize; | 3° preparing and submitting to the High Council of the Association the action plan and draft budget proposal for the following year as well as the financial and activity report for the previous year. | 3° préparer et transmettre au Haut Conseil de l'Ordre le plan d'action et l'avant-projet de budget annuel de l'année suivante ainsi que le rapport financier et d'activités pour l'exercice budgétaire écoulé. |
| 4° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari y'Urugaga no gucunga umutungo w'Urugaga;  | 4° executing the budget of the Association and managing its property;   | 4° assurer l'exécution du budget de l'Ordre et la bonne gestion de son patrimoine ;  |
| 5° gukurikirana imicungire y'abakozi b'Urugaga hakurikijwe amategeko agenga umurimo;   | 5° managing the staff of the Association in accordance with the labour law;   | 5° assurer le suivi et le contrôle de la gestion du personnel de l'Ordre dans le respect du droit du travail;  |
| 6° kumenyesha mu nyandiko Perezida w'Urugaga, imigendekere y'ibikorwa by'Urugaga, nibura inshuro imwe (1) mu mezi atatu (3);   | 6° submitting to the Chairperson of the Association a written progressive report, as far as activities of the Association are concerned, at least once every three (3) months;                          | 6° adresser par écrit au Président de l'Ordre l'état d'avancement des activités de l'Ordre, au moins une fois par trimestre;   |
| 7° gutegura imbanzirizamushinga y'amategeko ngenyamikorere n'amategeko ngenamyitwarire y'Urugaga n'ivugururwa ryayo;   | 7° preparing the draft proposal of the rules of procedure and the code of conduct of the Association and their amendment;   | 7° élaborer l'avant-projet du règlement d'ordre intérieur et du code de conduite de l'Ordre ainsi que leur amendement;   |
| 8° kuba umwanditsi w'inama y'Inteko Rusange n'uw'Inama Nkuru y'Urugaga;  | 8° serving as rapporteur of the General Assembly and the High Council of the Association;   | 8° servir de rapporteur de l'Assemblée Générale et du Haut Conseil de l'Ordre ;  |
| 9° gukora indi mirimo, yahabwa n'Inama Nkuru y'Urugaga ijyanye n'inshingano z'Urugaga.   | 9° performing any other duties assigned by the High Council of the Association that are linked with its mission.  | 9° exécuter toute autre tâche lui confiée par le Haut Conseil de l'Ordre rentrant dans sa mission.   |

**Icyiciro cya 2: Imikorere y'Urugaga**

**Ingingo ya 24: Inama z'Inteko Rusange y'Urugaga**

Inteko Rusange y'Urugaga iterana ku buryo busanzwe rimwe mu mwaka, ku itariki, isaha n'ahantu byamenyeshejwe na Perezida w'Urugaga.

Inteko Rusange y'Urugaga ishobora guterana ku buryo budasanzwe itumijwe na Perezida w'Urugaga abyibwirije ubwe, abisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize cyangwa bisabwe n'abagize Inama Nkuru y'Urugaga.

Uburyo Inteko Rusange y'Urugaga itumizwa, uburyo ibyemezo bifatwa n'ibihano by'abatitabiriye inama biteganywa n'amategeko nengamikorere y'Urugaga.

**Ingingo ya 25: Inama z'Inama Nkuru y'Urugaga**

Inama Nkuru y'Urugaga iterana rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida w'Urugaga abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa cyangwa nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Uburyo abagize Inama Nkuru y'Urugaga batumirwa, ibigomba kuba bikubiye mu butumire, imigendekere

**Section 2: Functioning of the Association**

**Article 24: Meetings of the General Assembly of the Association**

The General Assembly of the Association holds its ordinary meeting once a year on a day, hour and venue indicated by the Chairperson of the Association.

The General Assembly of the Association may hold extraordinary meetings on the invitation of the Chairperson of the Association on his/her initiative or upon request by one third (1/3) of members of the General Assembly or members of the High Council of the Association.

Modalities for convening the General Assembly of the Association, the decision making process and penalties for absence in meetings are provided for by rules of procedure of the Association.

**Article 25: Meetings of the High Council of the Association**

The meeting of the High Council of the Association is held once every three (3) months and at any time when necessary, upon invitation by the Chairperson of the Association on own initiative or upon request in writing by the Executive Secretary or at least by one third (1/3) of its members.

Procedures for convening members of the High Council of the Association, the content on the

**Section 2: Fonctionnement de l'Ordre**

**Article 24: Réunions de l'Assemblée Générale de l'Ordre**

L'Assemblée Générale de l'Ordre tient une réunion ordinaire chaque année aux jour, heure et lieu communiqués par le Président de l'Ordre.

L'Assemblée Générale de l'Ordre peut tenir des réunions extraordinaires sur convocation du Président de l'Ordre sur sa propre initiative ou sur demande d'un tiers (1/3) des membres de l'Assemblée Générale ou sur demande des membres du Haut Conseil de l'Ordre.

Les modalités de convocation de l'Assemblée Générale de l'Ordre, le processus de prise de décisions ainsi que les sanctions prévues pour les absents aux réunions sont prévues par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Article 25: Réunions du Haut Conseil de l'Ordre**

Le Haut Conseil de l'Ordre se réunit une fois les trois (3) mois et chaque fois que de besoin sur convocation de son Président sur son initiative, ou sur demande du Secrétaire Exécutif ou d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.

Les modalités d'invitation des membres du Haut Conseil de l'Ordre, le contenu de l'invitation, le



y'inama, uburyo ibyemezo bifatwa n'uko bigezwa ku bo bireba bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

**Ingingo ya 26: Inyandikomvugo y'inama y'Inama Nkuru y'Urugaga**

Inama z'Inama Nkuru y'Urugaga zikorera inyandikomvugo ikemezwa n'inama ikurikiyeho. Inyandikomvugo ishyirwaho umukono n'Umuyobozi w'inama n'Umwanditsi w'inama.

Inyandikomvugo zohererezwa abagize Inama Nkuru y'Urugaga bese mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye igihe inama ibereye.

**Ingingo ya 27: Isimburwa ry'abagize Inama Nkuru y'Urugaga mbere y'uko manda irangira**

Iyo umwe mu bagize Inama Nkuru y'Urugaga avuye ku mirimo ye mbere y'uko manda yatorewe irangira hakoreshwa itora ry'umusimbura mu nama y'Inteko Rusange y'Urugaga ikurikiraho.

Uwatowe arangiza igice cya manda gisigaye cy'uwo yasimbuye, iyo kirengeje amezi atandatu (6).

Iyo ari Perezida cyangwa Visi Perezida w'Urugaga, hakoreshwa itora ry'umusimbura mu nama y'Inteko Rusange y'Urugaga idasanze mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

invitation, proceeding of the meeting, the decision-making process and modalities for notification of decisions to relevant persons are determined by rules of procedure of the Association.

**Article 26: Minutes of the meeting of the High Council of the Association**

The High Council of the Association takes minutes of its meetings which are approved by members in the next meeting. The minutes are signed by the Chairperson of meeting and the Rapporteur.

The minutes are transmitted to all members of the High Council of the Association within seven (7) days from the date the meeting was held.

**Article 27: Replacement of elected members of High Council of the Association before the end of their term of office**

If a member of the High Council of the Association leaves office before the expiry of his/her term, a substitute is elected during the following General Assembly of the Association.

The elected person completes the remaining part of the term of office of his/her predecessor in case it exceeds six (6) months.

When it is the Chairperson or Deputy Chairperson of the Association, elections for his/her replacement are organized during an extraordinary meeting of the General Assembly of the Association within a maximum period of three (3) months.

déroulement de la réunion, la prise de décisions et les modalités de notification des décisions aux concernés sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Article 26: Compte-rendu de la réunion du Haut Conseil de l'Ordre**

Il est dressé un compte-rendu de la réunion du Haut Conseil de l'Ordre qui est approuvé dans la réunion suivante. Le compte-rendu est signé par le Président et le rapporteur de la réunion.

Le compte-rendu est transmis à tous les membres du Haut Conseil de l'Ordre dans sept jours (7) à dater de la tenue de la réunion.

**Article 27: Remplacement des membres élus du Haut Conseil de l'Ordre avant la fin de leur mandat**

Lorsqu'un membre du Haut Conseil de l'Ordre cesse ses fonctions avant le terme de son mandat, il est procédé à l'élection d'un remplaçant dans la réunion suivante de l'Assemblée Générale de l'Ordre.

La personne élue termine le reste du mandat de celle qu'il remplace, au cas où il dépasse six (6) mois.

S'il s'agit du Président ou du Vice-Président de l'Ordre, une réunion extraordinaire de l'Assemblée générale est convoquée endéans trois (3) mois au maximum pour l'élection de son remplaçant.

Uburyo itora ry'isimbura ry'ugize Inama Nkuru y'Urugaga bikorwa bigenwa n'amategeko nengamikorere y'Urugaga.

Election modalities for replacement of a member of the High Council of the Association are determined by rules of procedure of the Association.

Les modalités d'élection du remplaçant d'un membre du Haut Conseil de l'Ordre sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Ingingo ya 28: Itumira ry'inzobere mu nama z'Inama Nkuru y'Urugaga**

**Article 28: Invitation of an expert to meetings of the High Council of the Association**

**Article 28: Invitation d'un expert aux réunions du Haut Conseil de l'Ordre**

Inama Nkuru y'Urugaga ishobora gutumira umuntu w'inzobere mu bijyanye n'amasoko ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo ziri ku murongo w'ibiyigwa.

The High Council of the Association may invite in its meetings an expert in procurement who may provide advice on an item on the agenda.

Le Haut Conseil de l'Ordre peut inviter à ses réunions un expert en passation des marchés susceptible de lui apporter conseil sur un point à l'ordre du jour.

**Ingingo ya 29: Inama za komite z'Urugaga**

**Article 29: Meetings of committees of the Association**

**Article 29: Réunions des comités de l'Ordre**

Buri komite y'Urugaga iterana rimwe (1) mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Each committee of the Association meets once (1) quarterly and whenever necessary.

Chaque comité de l'Ordre se réunit une (1) fois par trimestre et chaque fois que de besoin.

Uburyo inama za komite z'Urugaga zitumizwa, ibisabwa kugira ngo ziterane, imigendekere y'inama, uburyo ibyemezo bifatwa n'uko bigezwa ku bo bireba bigenwa n'amategeko nengamikorere y'Urugaga.

Modalities for convening committees of the Association, requirements for holding their meetings, the proceedings of meetings, the decision-making process and the notification of these decisions to relevant persons are determined by rules of procedure of the Association.

Les modalités de convocation des comités de l'Ordre, les conditions requises pour la tenue de leurs réunions, le déroulement des réunions, les modalités de prise de décision ainsi que la notification de leurs décisions aux concernés sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.

**Ingingo ya 30: Kohereza urutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko**

**Article 30: Sending the list of procurement professionals**

**Article 30: Envoi de la liste des professionnels en passation des marchés**

Mbere y'itariki ya 31 Nyakanga ya buri mwaka, Inama Nkuru y'Urugaga yoherereza Minisitiri ufite amasoko mu nshingano ze urutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko Urugaga rufite kugeza ku itariki ya 30 Kamena z'uwo mwaka, rukanatangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Urugaga n'ahandi.

Before 31 July each year, the High Council of the Association sends to the Minister in charge of procurement the list of professionals in procurement that the Association has until June 30 of that year and the list is published on the Association website and elsewhere.

Avant le 31 juillet de chaque année, le Haut Conseil de l'Ordre transmet au Ministre ayant les marchés dans ses attributions la liste des professionnels en passation des marchés dont l'ordre dispose jusqu'au 30 juin de cette même année et cette liste est publiée sur le site web de l'Ordre et ailleurs.

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

Iyo impuguke mu gutanga amasoko ikuwe ku rutonde rw'Urugaga cyangwa ihagaritswe by'agateganyo, bimenyeshwa urwego rwavuzwe haruguru kandi bigatangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Urugaga n'ahandi.

If a procurement professional is removed from the list of the Association or suspended, a notification is made to the above mentioned organ and published on the Association website and elsewhere.

Au cas où un professionnel en passation des marchés est rayé de la liste de l'Ordre ou suspendu, une notification en est faite à l'organe ci-haut mentionné et cette notification est publiée sur le site web de l'Ordre et ailleurs.

**UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'URUGAGA**

**CHAPTER IV: PROPERTY OF THE ASSOCIATION**

**CHAPITRE IV: PATRIMOINE DE L'ORDRE**

**Ingingo ya 31: Inkomoko y'umutungo w'Urugaga**

**Article 31: Sources of property of the Association**

**Article 31: Sources du patrimoine de l'Ordre**

Umutungo w'Urugaga ukomoka kuri ibi bikurikira:

The property of the Association comes from the following:

Le patrimoine de l'Ordre provient des sources suivantes:

1° imisanzu itangwa n'abarugize;

1° contributions of members;

1° cotisations des membres;

2° amafaranga yo kwiyandikisha ku rutonde rw'abakora umwuga wo gutanga amasoko;

2° fees received for registration on the roll of procurement professionals;

2° frais perçus pour l'inscription au tableau de l'Ordre des professionnels de marchés;

3° amafaranga akomoka ku bikorwa byarwo cyangwa umutungo warwo;

3° earnings from its activities or property;

3° le produit de ses activités ou de son patrimoine;

4° impano n'indagano.

4° donation and bequests.

4° dons et legs.

**Ingingo ya 32: Ingengo y'imari y'Urugaga**

**Article 32: Budget of the Association**

**Article 32: Budget de l'Ordre**

Ingengo y'imari y'Urugaga itegurwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, ikemezwa n'Inteko Rusange y'Urugaga ibisabwe n'Inama Nkuru y'Urugaga.

The budget of the Association is prepared by the Executive Secretary and approved by the General Assembly of the Association upon request by the High Council of the Association.

Le budget de l'Ordre est préparé par son Secrétaire Exécutif et approuvé par l'Assemblée Générale de l'Ordre sur demande de son Haut Conseil.

**Ingingo ya 33: Ikoreshwa n'igenzurwa by'umutungo w'Urugaga**

Amategeko ngengamikorere y'Urugaga ateganya uburyo umutungo w'Urugaga ukoreshwa n'uko ugenzurwa.

**UMUTWE WA V: GUKORA UMWUGA MU GUTANGA AMASOKO N'IBIHEMBO BIHABWA IMPUGUKE MU GUTANGA AMASOKO**

**Icyiciro cya mbere: Gukora umwuga mu gutanga amasoko**

**Ingingo ya 34: Kwemererwa gukora umwuga mu gutanga amasoko**

Uwemerewe gukora umwuga mu gutanga amasoko nk'impuguke mu buryo buteganyijwe n'iri tegeko ni uwanditse ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko rushyirwaho n'Urugaga.

Umukoresha wese ukoresha utari impuguke mu gutanga amasoko, yirengera ibikoze n'uwo mukazi, kandi, muri icyo gihe, bombi nta numwe ushobora gusaba kurengerwa n'iri tegeko.

**Article 33: Use and audit of the property of the Association**

The rules of procedure of the Association regulate the use and audit of its property.

**CHAPTER V: PRACTICING THE PROCUREMENT PROFESSION AND EMOLUMENTS FOR PROCUREMENT PROFESSIONALS**

**Section One: Practicing the procurement profession**

**Article 34: Right to practice as a procurement professional**

Only the one who is registered on the list of procurement professionals established by the Association is allowed to practice the procurement profession as a professional in accordance with this Law.

Any employer who employs a person who is not a procurement professional is liable for his/her acts and in such case both of them cannot expect any protection from this Law.

**Article 33: Utilisation et audit du patrimoine de l'Ordre**

Le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre fixe les modalités d'audit et d'utilisation de son patrimoine.

**CHAPITRE V: EXERCICE DE LA PROFESSION DE PASSATION DES MARCHES ET REMUNERATION DES PROFESSIONNELS DE PASSATION DES MARCHES**

**Section première: Exercice de la profession de passation des marchés**

**Article 34: Droit d'exercer la profession de passation des marchés**

Est autorisé d'exercer la profession de passation des marchés en tant que professionnel conformément à la présente loi, celui qui est inscrit sur le tableau de l'Ordre des professionnels de passation des marchés.

Tout employeur qui emploie une personne qui n'est pas un professionnel de passation des marchés est responsable des actes posés par cette personne et, dans ce cas, aucun d'eux n peut prétendre aucune protection en vertu de la présente loi.

**Ingingo ya 35: Ibisabwa kugira ngo umuntu yandikwe ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko**

Kugira ngo umuntu yandikwe ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° kuba afite ubwenegihugu bw'u Rwanda;
- 2° kuba afite nibura impamyabumenyi ihanitse mu birebana n'amasoko, impamyabumenyi y'inyongera mu birebana n'amasoko ku mpamyabumenyi ihanitse cyangwa impamyabushobozi y'ubunyamwuga byemewe mu Rwanda;
- 3° kuba atarigeze ahanishwa ku buryo budasubirwaho igihano cy'igifungo cy'amezi atandatu (6) nibura;
- 4° kuba yarishyuye amafaranga yo kwiyandikisha ashirwaho n'Urugaga.

Umunyamahanga ashobora kwemererwa gukora umwuga mu gutanga amasoko mu gihe mu gihugu cye Abanyarwanda badakumiriwe kuri uwo mwuga cyangwa hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga.

**Ingingo ya 36: Uko kwiyandikisha ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko bikorwa**

Uwifuzaga kwiyandikisha ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko agomba kubisaba mu nyandiko

**Article 35: Requirements for registration on the list of the procurement professionals**

To be registered on the list of procurement professionals, an applicant must fulfil the following requirements:

- 1° being a Rwandan national;
- 2° holding at least degree in procurement, a post graduate diploma in procurement or a professional qualification in procurement recognized in Rwanda;
- 3° having not been sentenced to a term of imprisonment of six (6) months or more in a final decision;
- 4° having paid registration fees prescribed by the Association.

A foreigner may also be allowed to practice the procurement profession in Rwanda when regulations of his/her country of origin do not ban Rwanda nationals from doing the same profession or in accordance with international agreements.

**Article 36: Procedure for registration on the list of procurement professionals**

A person wishing to be registered as a procurement professional submits a written application to the

**Article 35: Conditions d'inscription au tableau des professionnels de passation des marchés**

Pour être inscrit sur la liste des professionnels de passation des marchés, le candidat doit remplir les conditions suivantes:

- 1° être de nationalité rwandaise;
- 2° être titulaire au moins d'un diplôme universitaire en gestion des marchés, un diplôme post universitaire en gestion des marchés ou un certificat professionnel agréé au Rwanda;
- 3° ne pas avoir fait l'objet d'une condamnation définitive d'emprisonnement supérieure ou égale à six mois (6);
- 4° avoir payé les frais d'inscription prescrits par l'Ordre.

Un étranger peut exercer la profession de passation des marchés au Rwanda si son pays d'origine n'interdit pas aux ressortissants rwandais d'y exercer la même profession ou en vertu des conventions internationales.

**Article 36: Procédure d'inscription au tableau des professionnels de passation des marchés**

Une personne désirant se faire enregistrer comme professionnel de passation des marchés soumet une

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

Komite ishinzwe iby'iyandikwa n'isuzumabushobozi hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.	Registration and Evaluation Committee in accordance with provisions of this Law and rules of procedure of the Association.	demande écrite au Comité d'Inscription et d'Evaluation conformément aux dispositions de la présente loi et le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre.
Icyemezo cyo kwemererwa cyangwa kutemererwa kwandikwa ku rutonde rw'impunguke mu gutanga amasoko gifatwa n'Inama Nkuru y'Urugaga mu mezi abiri (2) akurikira iyakirwa ry'inyandiko ibisaba kikamenyeshwa uwasabye kwandikwa.	The decision of admission or rejection of registration on the list of procurement professionals is taken by the High Council of the Association within two (2) months from the date of application and notified to the applicant.	La décision d'admission et de rejet d'inscription sur la liste des professionnels de passation des marchés est prise par le Haut Conseil de l'Ordre dans les deux (2) mois de la réception de la demande et notifiée au candidat.
Icyemezo cya nyuma cy'Inama Nkuru y'Urugaga ntigishobora gufatwa batabanje kumva uwasabye.	The final decision of the High Council of the Association shall not be reached without a prior hearing of the applicant.	La décision finale du Haut Conseil de l'Ordre ne peut être prise sans que le candidat n'ait été entendu.
Mbere yo gusuzuma ubusabe bwo kwiandikisha ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko, Komite ishinzwe iby'iyandikwa n'isuzumabushobozi igomba gukusanya amakuru yose arebana n'imyitwarire y'usaba.	Before taking a decision on the application for registration on the list of procurement professionals, the Registration and Evaluation Committee must collect all information related to the applicant's conduct.	Avant de statuer sur la demande d'inscription sur la liste des professionnels de passation des marchés, le Comité d'Inscription et d'Evaluation est tenu de recueillir tous les renseignements sur la conduite du candidat.
<b><u>Ingingo ya 37: Kumenyeshwa icyemezo cy'Inama Nkuru y'Urugaga n'uburyo kijuririrwa</u></b>	<b><u>Article 37: Notification of the decision of the High Council of the Association and appeal procedure</u></b>	<b><u>Article 37: Notification de la décision du Haut Conseil de l'Ordre et procédure d'appel</u></b>
Icyemezo cy'Inama Nkuru y'Urugaga kimenyeshwa uwo kireba mu minsi irindwi (7), uhereye umunsi icyemezo cyafatiweho.	The decision of the High Council of the Association is notified to the applicant within seven (7) days from the date the decision was taken.	La décision du Haut Conseil de l'Ordre est notifiée au candidat dans les sept (7) jours à partir de la date de prise de décision.
Icyo cyemezo gishobora kujuririrwa n'uwo bireba muri Komite y'Urugaga ishinzwe ubujurire. Iyo Komite igomba gutanga umwanzuro ku bujurire mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60).	The decision is subject to appeal before the Appeals Committee of the Association by the concerned person. The Committee decides on the appeal within a period not exceeding sixty (60) days.	Ladite décision peut être attaquée devant le Conseil d'appel de l'Ordre par la personne concernée. Le Comité statue sur l'appel dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours.
Utanyuzwe n'icyo cyemezo aregera urukiko rubifitiye ububasha.	The person who is not satisfied with the decision appeals before a relevant court.	La personne qui n'est pas satisfaite par cette décision saisit la juridiction compétente.

**Ingingo ya 38: Ibyiciro by'impuguke mu gutanga amasoko**

Impuguke mu gutanga amasoko zishyirwa mu byiciro bikurikira:

- 1° impuguke mu gutanga amasoko y'umutangizi;
- 2° impuguke mu gutanga amasoko y'umwuga;
- 3° impuguke mu gutanga amasoko y'inzobere.

Ibishingirwaho kugira ngo impuguke mu gutanga amasoko ishyirwe mu cyiciro bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

**Ingingo ya 39: Uburyo impuguke mu gutanga amasoko zikora**

Impuguke mu gutanga amasoko ishobora gukora yonyine cyangwa hamwe n'abandi bakora uwo mwuga.

Impuguke mu gutanga amasoko iri yonyine ishobora gukora nk'impuguke yikorera cyangwa nk'umukozi ugegwa na sitati y'abakozi ba Leta cyangwa amasezerano y'akazi.

Ariko, impuguke mu gutanga amasoko igengwa na sitati y'abakozi ba Leta cyangwa amasezerano y'akazi ntishobora gukora nk'impuguke yikorera.

**Article 38: Categories of procurement professionals**

Procurement professionals are categorized as follows:

- 1° assistant procurement professional;
- 2° procurement professional;
- 3° senior procurement professional.

Rules of procedure of the Association determine criteria for categorization of procurement professionals.

**Article 39: Operational framework for procurement profession**

A procurement professional may operate either individually or in a pool of procurement professionals.

A procurement professional practicing individually is either individual consultant or an employee under general statutes of public servants or under employment contract.

However, the procurement professional under general statutes of public service or employment contract cannot practice as a consultant.

**Article 38: Catégories des professionnels de passation de marchés**

Les professionnels en passation de marchés sont répartis dans catégories suivantes:

- 1° assistant professionnel de passation des marchés;
- 2° professionnel de passation de marchés;
- 3° professionnel supérieur de passation de marchés.

Le règlement d'ordre intérieur de l'Ordre définit les critères de catégorisation des professionnels de passation des marchés.

**Article 39: Modalités d'exercice de la profession de passation des marchés**

Un professionnel de passation des marchés peut exercer la profession soit à titre individuel, soit en groupe de professionnels de passation des marchés.

Un professionnel de passation des marchés exerçant à titre individuel est, soit consultant individuel, soit employé sous statut général de la fonction publique ou sous contrat de travail.

Cependant, un professionnel en passation de marchés régi par le statut général de la fonction publique ou par un contrat de travail ne peut pas exercer en qualité de consultant.

**Ingingo ya 40: Izina rikoreshwa mu mwuga mu gutanga amasoko**

Impuguke mu gutanga amasoko iri yonyine ishobora gukoresha amazina yayo bwite cyangwa ayandi yihitiyemo.

Impuguke mu gutanga amasoko zishyize hamwe zigomba kugira izina rya sosiyete.

**Ingingo ya 41: Imirimo impuguke mu gutanga amasoko zemerewe gukora**

Imirimo impuguke mu gutanga amasoko zemerewe gukora ni iyi ikurikira:

- 1° gukora gahunda y'itangwa ry'amasoko;
- 2° gutegura ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa ;
- 3° gutangaza no gukwirakwiza inyandiko ihamagarira ipiganwa;
- 4° gutanga serivisi zo kubika no gufungura inyandiko z'ipiganwa;
- 5° gusesengura no gutanga isoko;
- 6° gusaba ababifitiye ububasha ibyemezo ku myanzuro y'itangwa ry'isoko;
- 7° gukora imishyikirano igamije amasezerano;

**Article 40: Name used in procurement profession**

A procurement professional who practices as an individual may use his/her own name or another name he/she may choose.

Procurement professionals operating as a pool use a company name.

**Article 41: Activities that procurement professionals are allowed to carry out**

Activities that procurement professionals are allowed to carry out are the following:

- 1° to develop the procurement plan;
- 2° to prepare bidding documents;
- 3° to publish and distribute invitations to bid;
- 4° to provide depository and opening of bids services;
- 5° to conduct bids evaluation and award of a tender;
- 6° to request approvals for the award recommendations from relevant authorities;
- 7° to ensure contract negotiations;

**Article 40: Dénomination professionnelle de passation marché**

Un professionnel de passation des marchés exerçant à titre individuel peut utiliser son nom propre ou une autre dénomination de son choix.

Les professionnels de passation des marchés en association utilisent une dénomination de la société.

**Article 41: Activités autorisées pour les professionnels de passation des marchés**

Les activités que les professionnels de passation des marchés sont autorisés d'exercer sont les suivantes:

- 1° préparer le plan de passation des marchés;
- 2° préparer les dossiers d'appels d'offres;
- 3° publier et distribuer des avis d'appels d'offres;
- 4° offrir les services de dépôt et d'ouverture des offres;
- 5° évaluer les offres et attribuer des marchés;
- 6° requérir des autorités compétentes des approbations sur les propositions d'attribution des marchés ;
- 7° mener des négociations contractuelles;



*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 8° gutegura inyandiko zisaba kugemura;  | 8° to prepare supply's orders;  | 8° rédiger des bons de commande;   |
| 9° kunganira abacunga amasezerano;  | 9° to support contract administrators;  | 9° assister les gestionnaires des contrats;  |
| 10° gukora indi mirimo ijyanye n'amasoko yakenerwa kandi bikajya mu masezerano. | 10° to carry out any other duties in relation with procurement that may be needed and add it to the contract. | 10° mener d'autres activités en rapport avec le marché en cas de besoin et en faire mention dans le contrat. |

Impuguke mu gutanga amasoko ishobora gukora imwe mu mirimo cyangwa yose ivugwa mu gika kibanziriza iki hashingiwe ku masezerano yakozwe.

Procurement professionals may perform one or all tasks referred to under the previous paragraph in accordance with contract made.

Les professionnels de passation des marchés peuvent exercer une ou toutes les activités mentionnées à l'alinéa précédent, en rapport avec le contrat conclu.

**Ingingo ya 42: Imirimo itabangikanywa n'umwuga mu gutanga amasoko**

**Article 42: Incompatible activities with procurement function**

**Article 42: Activités incompatibles avec la profession de passation des marchés**

Umwuga mu gutanga amasoko ntubangikanywa n'imirimo ibangamira ikurikizwa ry'amahame agenga amasoko. Iyo mirimo ni iyi ikurikira:

The procurement profession is incompatible with any activity which may affect the respect of procurement principles. Those activities are the following:

La profession de passation des marchés est incompatible avec l'exercice de toute activité de nature à entraver le respect des principes des marchés. Ces activités sont les suivantes :

- |   |   |   |
|---|---|---|
| 1° ibikorwa by'ibaruramari;   | 1° accounting activities;   | 1° activités comptables;  |
| 2° icungamari, harimo imicungire y'ingengo y'imari, isuzuma n'iyishyura ry'ibyasabwe;                   | 2° financial management including budget allocation and verification and payment of orders; | 2° gestion financière incluant l'allocation budgétaire, la vérification et le payement des commandes; |
| 3° ibikorwa byo kohereza inyandiko;   | 3° activities of expediting parcels;  | 3° activités d'expédition du courrier;  |
| 4° ibikorwa birebana n'ubuyobozi bw'ibiro, ubunyamabanga, gucunga ibiro n'ibikorwa rusange byo mu biro. | 4° administrative, secretarial, office management and clerical activities.                  | 4° activités d'administration, de secrétariat et de gestion de bureau.                                |

**Ingingo ya 43: Ubwigenge n'ubwisanzure bw'impuguke mu gutanga amasoko**

Impuguke mu gutanga amasoko zikora umwuga wazo mu bwigenge no mu bwisanzure nta kubogama cyangwa ivangura iryo ari ryo ryose zigamije gushyiraho ku buryo bunoze cyane ibyifuzo by'abo zikorera hakurikijwe amategeko, amabwiriza n'amasezerano arebana n'iby'amasoko.

**Ingingo ya 44: Imyitwarire y'ingenzi y'impuguke mu gutanga amasoko**

Impuguke mu gutanga amasoko igomba, mu kazi kayo, kurangwa n'ubunyamugayo, kwihesha agaciro, kwicisha bugufi, kugira umurava, kubaha, kuvugisha ukuri ndetse no guharanira ko intego z'abo ikorerwa zigerwaho.

Impuguke mu gutanga amasoko ibujijwe:

- 1° gutanga cyangwa kwakira ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo;
- 2° kwemera gukorera abafite inyungu zibangamiranye mu gihe kimwe;
- 3° guteza ubwumvikane buke hagati y'urwego rugura n'urugurisha;
- 4° kuvuga icyo ari cyo cyose gisebya cyangwa gitesha agaciro umwe mu bagize Urugaga;

**Article 43: Freedom and autonomy of procurement professionals**

Procurement professionals freely perform their professional activity without partiality and discrimination for optimum satisfaction of the client respecting the laws, regulations and contracts relating to procurement.

**Article 44: Basic conduct of a procurement professional**

In performing his/her profession, a procurement professional is characterised by probity, dignity, humility, diligence, loyalty, honesty and act in order to attain clients' objectives.

It is prohibited for a procurement professional to:

- 1° give or receive bribes and other related crimes;
- 2° accept to serve conflicting interests at the same time or period;
- 3° create misunderstanding between client and supplier;
- 4° say anything that may hurt the honour or reputation of a member of Association;

**Article 43: Autonomie et liberté des professionnels de passation des marchés**

Les professionnels de passation des marchés exercent librement leur activité professionnelle sans partialité ni discrimination pour la satisfaction optimale du besoin du client en respectant les lois, les règlements et le contrat relatifs aux marchés.

**Article 44: Conduite de base des professionnels de passation des marchés**

Dans l'exercice de sa profession, le professionnel de passation des marchés est astreint aux devoirs d'intégrité, de dignité, de délicatesse, de diligence, de loyauté et de s'atteler aux objectifs de ses clients.

Il est interdit à un professionnel de passation des marchés de:

- 1° donner ou accepter un don en guise de corruption ou d'autres crimes connexes;
- 2° accepter de servir les intérêts en conflit en même temps ou au cours d'une même période;
- 3° créer la mésentente entre le client et le fournisseur;
- 4° tenir de propos discréditant la capacité ou la réputation d'un membre de l'Association;

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

5° kwemera gukorera umuntu binyuze ku wundi hatabayeho kuvugana na nyir'igikorwa;	5° accept from an intermediary, an assignment of a party without being in direct communication with that party;	5° accepter d'un intermédiaire le dossier d'un tiers sans se mettre en rapport direct avec celui-ci;
6° kumena amabanga baba bamenye kubera umwuga wabo cyangwa kuyashakiramo indamu;	6° disclose secrets known in the course of their profession or take advantage of it for personal gain;	6° révéler les secrets leur confiés en raison de la profession ou d'en tirer un profit illicite;
7° gukora icyo ari cyo cyose cyangwa kwitwara mu buryo ubwo aribwo bwose bubangamiye ubunyangamugayo cyangwa imyifatire myiza yo mu mwuga;	7° do anything or behave in any manner likely to jeopardize their integrity or their professional ethics;	7° faire toute démarche, avoir toute conduite susceptible de compromettre leur intégrité ou leur éthique professionnelle;
8° gukora umwuga nk'impuguke yikorera n'umukozi ugengwa na sitati y'abakozi ba Leta cyangwa amasezerano y'akazi icyarimwe;	8° practice the profession at the same time as a consultant and an employee governed by the general statutes for public service or under contract;	8° exercer en même temps la profession en qualité de consultant et d'employé régi par le statut général de la fonction publique ou sous contrat;
9° kuba igikoresho cy'abandi bantu mu gufata ibyemezo.	9° be influenced by other people in decision making.	9° être influencé par d'autres personnes dans la prise de décisions.

**Icyiciro cya 2: Ibihembo**

**Ingingo ya 45: Ibihembo bihabwa impuguke mu gutanga amasoko**

Ibihembo bihabwa impuguke mu gutanga amasoko kubera imirimo yasoje bigizwe n'amafaranga.

Amasezerano hagati y'impuguke mu gutanga amasoko n'uwo ikorera agena uburyo bwo gutanga ibihembo byumvikanywe n'impande zombi.

**Section 2: Emoluments**

**Article 45: Emoluments for procurement professionals**

Emoluments allotted to procurement professionals for services rendered include fees.

The contract between procurement professionals and the client determines modalities of allotting emoluments agreed upon by both parties.

**Section 2: Rémunération**

**Article 45: Rémunération allouée aux professionnels de passation des marchés**

La rémunération des professionnels de passation des marchés pour les prestations réalisées comprend les frais.

Le contrat entre le professionnel de passation des marchés et son client détermine les modalités de paiement de la rémunération convenue entre les deux parties.

**Ingingo ya 46: Igena n'itangazwa ry'ibihembo ngenderwaho**

Inteko Rusange y'Urugaga igena ibihembo ngenderwaho by'impuguke mu gutanga amasoko mu bushishozi hashingiwe ku miterere y'isoko n'ubushobozi bw'ababagana.

Impuguke mu gutanga amasoko ntishobora kurenza ibihembo ngenderwaho byashyizweho n'Inteko Rusange y'Urugaga, keretse ibihereye uburenganzira n'Inteko Rusange y'Urugaga.

Ibihembo ngenderwaho bitangazwa na Perezida w'Urugaga mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ibihembo ngenderwaho bivugwa muri iyi ngingo ntibireba umukozi ugengwa na sitati rusange y'abakozi ba Leta cyangwa amasezerano y'akazi.

**Ingingo ya 47: Uburyo bwo gukemura amakimbirane yerekeye ibihembo**

Igihe havutse amakimbirane ku birebana n'ibihembo hagati y'impuguke mu gutanga amasoko n'umukiriya, umukiriya aregera Perezida w'Urugaga kugira ngo amukiranure n'impuguke mu gutanga amasoko yakoreshejwe. Iyo binaniranye, Perezida w'Urugaga ageza ikibazo ku Nama Nkuru y'Urugaga, igategeka ibihembo bigomba gutangwa.

**Article 46: Allocation and publication of emoluments benchmarks**

The General Assembly of the Association establish benchmarks of emoluments to be allocated to procurement professionals through a reasonable manner and based on the nature of procurement and means of clients.

A procurement professional may not go beyond the emoluments benchmarks scheduled by the General Assembly of the Association unless otherwise authorized by the General Assembly of the Association.

The benchmarks governing emoluments are published by the Chairperson of the Association in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Emoluments referred to in this Article do not apply for an employee under the general statutes for public service or an employment contract.

**Article 47: Resolution of emolument-related dispute**

In case of a dispute on emolument to be paid, the client submits his/her claim to the Chairperson of the Association for mediation. In case of failure, the Chairperson of the Association refers the matter to the High Council of the Association which makes a ruling on the fee to be paid.

**Article 46: Fixation et publication du barème de rémunération**

L'Assemblée Générale de l'Ordre fixe avec discernement le barème de rémunération à allouer aux professionnels de passation des marchés selon la nature du marché et les moyens des clients.

Un professionnel de passation des marchés ne peut pas aller au-delà du barème de rémunération déterminé par l'Assemblée Générale de l'Ordre à moins qu'il soit autorisé par l'Assemblée Générale de l'Ordre.

Les barèmes de rémunération sont publiés au Journal Officiel de la République du Rwanda par le Président de l'Ordre.

La rémunération dont il est fait mention au présent article ne concerne pas un employé sous statut général de la fonction publique ou sous un contrat de travail.

**Article 47: Règlement de litige relatif à la rémunération**

En cas de contestation relative à la rémunération, le client saisit le Président de l'Ordre aux fins d'une conciliation. En cas d'échec, le Président de l'Ordre saisit le Haut Conseil de l'Ordre qui fixe les frais dus.

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

Iyo icyo cyemezo kitubahirijwe, utanyuzwe aregera urukiko rubifitiye ububasha.

In case of non-execution of the decision, the aggrieved party refers the matter to a competent court.

En cas de non-exécution de cette décision, la partie lésée saisit une juridiction compétente.

**UMUTWE WA VI: AMAKOSA  
Y'IMYITWARIRE N'IBIHANO**

**CHAPTER VI: PROFESSIONAL FAULTS  
AND DISCIPLINARY REGIME**

**CHAPITRE VI: FAUTES  
PROFESSIONNELLES ET  
REGIME DISCIPLINAIRE**

**Ingingo ya 48: Amakosa y'imyitwarire  
y'impuguke mu gutanga amasoko**

**Article 48: Professional faults of procurement  
professionals**

**Article 48: Fautes professionnelles des  
professionnels de passation des marchés**

Impuguke mu gutanga amasoko ifatwa nk'umunyamakosa mu mwuga iyo:

A procurement professional commits a professional fault if he/she:

Un professionnel de passation des marchés commet une faute professionnelle si:

1° yishe ibigambiriye amategeko n'amabwiriza agenga amasoko y'uwo ikorera cyangwa umukiriya;

1° deliberately contravenes laws and regulations that laid down by procurement procedures of his/her employer or client;

1° il a délibérément agi contrairement aux lois, aux règlements ou aux procédures de marchés de son employeur ou de son client;

2° irigishije amafaranga cyangwa umutungo uwo ari wo wose yahawe n'uwo ikorera cyangwa umukiriya;

2° misappropriates funds or any property entrusted to him/her by employer or client;

2° il détourne les fonds ou tout bien qui lui est confié par l'employeur ou le client;

3° iguriye uwo ikorera cyangwa umukiriya ibigemurwa, imirimo, cyangwa serivisi, ku giciro gihanitse kandi ibizi;

3° knowingly procures goods, works, or services for his/her employer or client at overestimated prices;

3° il achète sciemment pour son employeur ou son client des biens, travaux ou services à des prix surestimés;

4° itabika neza mu nyandiko amakuru y'ibikorwa yakoze mu gihe isohozwa inshingano zayo;

4° deliberately fails to keep proper records of all transactions undertaken by him/her in the course of his/her duties;

4° il omet délibérément de conserver toutes les opérations effectuées par lui dans l'exercice de ses activités;

5° imenye ibanga ry'amakuru yamenye mu kazi kayo itabifitiye uruhushya rw'uwo ikorera cyangwa se mu gihe bisabwa n'amategeko;

5° discloses information acquired in the course of his/her duties to any person without the consent of his/her employer or client or otherwise when required by law;

5° il divulgue des informations dont il a pris connaissance dans l'exercice de ses activités sans le consentement de son employeur ou de son client ou dans les cas requis par la loi;

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

6° yagize uruhare mu bikorwa bya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo;	6° is involved in any corrupt practice and other related crimes;	6° il est impliqué dans un cas de corruption et d'autres crimes connexes;
7° ikoze ibitabangikanywa n'iby'uwo ikorera cyangwa umukiriya we cyangwa ibinyuranije n'iri tegeko;	7° engages in activities which are in conflict with those of his/her employer or client or activities contrary to this Law;	7° il s'engage dans des activités incompatibles avec celles de son employeur ou de son client ou des activités qui sont contraires à la présente loi;
8° ihamwe n'uburiganya cyangwa ikosa ryo kunyuranya n'ukuri;	8° is found guilty of fraud or a dishonest act;	8° il est reconnu coupable de fraude ou d'un acte malhonnête;
9° itanga inama idashingiye ku makuru ahagije;	9° provides an opinion based on undocumented information;	9° il exprime un avis se basant sur des informations insuffisantes;
10° itabitse amafaranga y'uwo ikorera kuri konte itandukanye n'iyayo cyangwa ikayakoresha mu byo atagenewe.	10° fails to keep the funds of a client in a separate bank account or to use any such funds for purposes for which they are intended.	10° il ne parvient pas à conserver les fonds d'un client à un compte séparé ou à utiliser ces fonds à des fins pour lesquelles ils sont destinés.

**Ingingo ya 49: Ibihano ku makosa y'imyitwarire**

Haseguriwe ibiteganywa mu gitabo cy'amategeko ahana, ibihano ku makosa y'imyitwarire y'impuguke mu gutanga amasoko ni ibi bikurikira:

- 1° kwihanangirizwa;
- 2° kugawa mu magambo;
- 3° kugawa mu nyandiko;
- 4° guhagarikwa by'agateganyo hagati y'amezi atatu n'umwaka;
- 5° kuvanwa ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko.

**Article 49: Disciplinary sanctions**

Subject to the provisions of the penal code, disciplinary sanctions for a procurement professional are the following:

- 1° warning;
- 2° reprimand;
- 3° written reprimand ;
- 4° suspension for a period between three months and one year;
- 5° removal from the register of procurement professionals.

**Article 49: Sanctions disciplinaires**

Sous réserve des dispositions du code pénal, les sanctions disciplinaires d'un professionnel de passation des marchés sont les suivantes:

- 1° l'avertissement ;
- 2° la réprimande;
- 3° le blâme par écrit;
- 4° la suspension pour une période comprise entre trois mois et une année ;
- 5° la radiation du tableau des professionnels de passation des marchés.

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

Bisabwe na Perezida w'Urugaga cyangwa aregewe, Inama Nkuru y'Urugaga isuzuma igafata ibyemezo ku birego by'amakosa y'imyitwarire y'impuguke mu gutanga amasoko.

**Ingingo ya 50: Ingaruka zo guhagarikwa by'agateganyo**

Impuguke mu gutanga amasoko yafatiwe icyemezo cyo guhagarikwa by'agateganyo ku mirimo yayo iba yambuwe uburenganzira bwo gukora nk'impuguke mu gutanga amasoko, gutora no gutorwa mu nzego z'Urugaga.

**Ingingo ya 51: Kuvanwa ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko**

Inama Nkuru y'Urugaga ivana impuguke mu gutanga amasoko ku rutonde rw'impuguke mu gutanga amasoko iyo:

- 1° itishyuye umusanzu;
- 2° yahamwe n'icyaha cya magendu, uburiganya, iyezandonke, cyangwa ibyaha bya ruswa n'ibifitanye isano nayo byemejwe n'urukiko rubifitiye ububasha mu Rwanda cyangwa mu mahanga kandi yarakatiwe, igifungo kirengeje amezi atandatu (6);
- 3° yahombye burundu byemejwe n'inkiko kandi ikaba itarahanagurwaho ubwo busembwa;

Upon the initiative of the Chairperson of the Association or upon a complaint addressed to him/her, the High Council of the Association deliberates on complaints on disciplinary matters forwarded against procurement professionals.

**Article 50: Effects of suspension**

A procurement professional suspended from his/her duties is deprived from acting as a procurement professional, electing or being elected in the organs of the Association.

**Article 51: Removal from the register of the Association**

The High Council of the Association removes a procurement professional from the list of procurement professionals where:

- 1° he/she fails to pay his/her subscription fees ;
- 2° he/she has been convicted by a court of competent jurisdiction in Rwanda, or elsewhere, of an offence involving fraud or dishonesty, money laundering or corruption and other related offences and sentenced to imprisonment for a period beyond six (6) months.
- 3° he/she is an undischarged bankrupt;

Sur l'initiative du Président de l'Ordre, soit d'office, soit sur plainte, le Haut Conseil de l'Ordre connaît des affaires disciplinaires dirigées contre les professionnels de passations des marchés.

**Article 50: Effets de la suspension**

Un professionnel de passation des marchés suspendu est privé de ses droits d'exercer sa qualité de professionnel de passation des marchés, ceux d'élire et d'être élu pour les postes des organes de l'Ordre.

**Article 51: Radiation du tableau de l'Ordre**

Le Haut Conseil prononce la radiation du tableau de l'Ordre d'un professionnel de passation des marchés lorsque :

- 1° il ne paie pas les cotisations dues ;
- 2° il a été reconnu coupable de fraude, de blanchiment de capitaux, d'escroquerie ou de corruption et d'autres infractions connexes par une juridiction compétente au Rwanda ou à l'étranger et qu'il a été condamné à une peine d'emprisonnement supérieure à six (6) mois au moins ;
- 3° il a été déclaré failli et n'a pas encore été réhabilité;

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 4° ifite ubumuga bwo mu mutwe butuma itakaza ubushobozi bwo gukora bihora byemejwe na muganga wemewe na Leta; | 4° he/she is hit with a permanent mental disability certified by a registered medical practitioner; | 4° il est frappé d'une incapacité mentale permanente attestée par un médecin agréé ; |
| 5° isubiriye icyaha nyuma yo kurangiza igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo ku bw'amakosa y'imyitwarire.     | 5° there is recidivism after his/her suspension for a disciplinary fault.                           | 5° il y a récidive après avoir écopé d'une suspension pour faute disciplinaire.      |

**Ingingo ya 52: Ikurikiranwa mu rwego rw'imyitwarire**

Komite y'Urugaga ishinze imyitwarire n'ubugenzuzi ikora isuzuma ku makosa ayo ariyo yose yerekeranye n'umwuga.

Iyo isuzuma rirangiye, Komite y'Urugaga ishinze imyitwarire n'ubugenzuzi, ishyikiriza raporo y'isuzuma Inama Nkuru y'Urugaga ikayifataho umwanzuro.

**Ingingo ya 53: Uburenganzira bwo kwiregura imbere y'Inama Nkuru y'Urugaga**

Impuguke mu gutanga amasoko yarezwe ifite uburenganzira bwo kwiregura imbere y'Inama Nkuru y'Urugaga, iri kumwe n'umujyanama mu mategeko yihitanyemo iyo ibyifuje.

**Ingingo ya 54: Kumenyeshwa icyemezo cyafashwe ku makosa y'imyitwarire**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urugaga amenyeshya impuguke mu gutanga amasoko yarezwe icyemezo cyafashwe n'Inama Nkuru y'Urugaga

**Article 52: Disciplinary procedure**

The Committee of the Association in charge of inspection examines any matter regarding professional misconduct.

On the completion of the examination, the Disciplinary and Inspection Committee submits to the High Council a report of the examination for deliberation.

**Article 53: Right to be heard before the High Council of the Association**

A procurement professional accused has the right to be heard before the High Council of the Association assisted by a legal adviser if he/she so wishes.

**Article 54: Notification of the decision taken in disciplinary procedure**

The Executive Secretary notifies the procurement professional accused of any decision taken by the High Council of the Association by means used by

**Article 52: Procédure disciplinaire**

Le Comité d'Inspection de l'Ordre examine toute affaire concernant la faute professionnelle.

A la fin de l'examen, le Comité de discipline et d'Inspection soumet au Haut Conseil le rapport d'examen pour y statuer.

**Article 53: Droit à la défense devant le Haut Conseil de l'Ordre**

Le professionnel de passation des marchés mis en cause est entendu par le Haut Conseil de l'Ordre, assisté d'un conseiller de son choix s'il le désire.

**Article 54: Notification de la décision dans la procédure disciplinaire**

Le Secrétaire Exécutif notifie au professionnel de passation des marchés accusé toute décision prise par le Haut Conseil dans les formes usuelles de notification des décisions de l'Ordre.



hakoreshejwe uburyo busanzwe bukoreshwa mu imenyekanisha ry'ibyemezo mu Rugaga.

**Ingingo ya 55: Uburenganzira bwo kujurira**

Impuguke mu gutanga amasoko itishimiye icyemezo cyafashwe n'Inama Nkuru y'Urugaga iregera Komite y'Urugaga ishinzwe ubujurire.

Iyo itanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'iyi Komite, ishobora kukiregera mu rukiko rubifitiye ububasha mu minsi mirongo itatu (30) uherye umunsi yamenyeshejwe icyo cyemezo.

Ujuriye abimenyesha mu nyandiko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urugaga.

**UMUTWE WA VII: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 56: Igihe ntarengwa cyo kuzuzwa ibisabwa n'iri tegeko**

Umukozi wese ukora umurimo wo gutanga amasoko mu nzego za Leta agengwa n'iri tegeko.

Umukozi wese ukora umurimo wo gutanga amasoko mu nzego za Leta utujuje ibisabwa n'iri tegeko agomba kuba abyujuje mu gihe cy'imyaka itanu (5) uherye umunsi iri tegeko ryatangarijweho.

the Association to communicate decisions in the Association.

**Article 55: Right to appeal**

A procurement professional dissatisfied with the decision of the High Council appeals to the Appeals Committee.

In case he/she is dissatisfied with the decision of the Committee, he/she may appeal to the competent court within thirty (30) days of the notification of the decision.

The appellant informs thereof in writing the Executive Secretary of the Association.

**CHAPTER VII: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 56: Deadline to confirm with the provisions of this Law**

Any official that performs the activities related to the procurement profession in a public institution is governed by this Law.

Any official who is in charge of procurement in a public institution who does not meet the requirements laid down by this Law must comply with it within a period of five (5) years from the date of publication of this Law.

**Article 55: Droit de recours**

Un professionnel de marchés qui n'est pas satisfait de la décision du Haut Conseil soumet son recours au Comité d'Appel.

Au cas où il n'est pas satisfait de la décision du Comité, il peut saisir une juridiction compétente endéans trente (30) jours dès la notification de la décision.

La partie qui saisit la juridiction en informe par écrit le Secrétaire Exécutif de l'Ordre.

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES**

**Article 56: Date limite pour remplir les conditions requises par la présente loi**

Tout agent qui exerce les activités relatives à la profession de passation de marchés au sein d'une institution publique est régi par la présente loi.

Tout agent chargé de la passation des marchés au sein d'une institution publique et qui ne remplit pas les conditions prévues par la présente loi doit s'y conformer dans une période de cinq (5) ans à compter de la date de publication de la présente loi.

*Official Gazette n°21 of 23/05/2016*

**Ingingo ya 57: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 58: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko**

Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 59: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubilika y’u Rwanda.

Kigali, ku wa 02/05/2016

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubilika

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w’Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubilika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w’Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 57: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 58: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 59: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 02/05/2016

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 57: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 58: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 59: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 02/05/2016

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux